# 23. INYENYERI

23.1. **Ukugena intego**

23.2. **Ivumburamatsiko**

Abanyeshuri basubize ibi bibazo bakoresha interuro nziza:

— Ni iyihe mibumbe muzi yikaraga mu kirere?
— Ni iyihe mibumbe y'umuriro, ni iyihe mibumbe yazimye?
— Ni iyihe mibumbe imurikira isi?
— Ukwezi kutumurikira gute kandi ari umubumbe wazimye?
— Urumuri rw'amatara y'imodoka iri kure cyane tubona rungana iki? (Ari ruto cyane; ni amatara gusa umuntu abona na yo angana n'agasitimu. Twarugereranya n'urumuri rw'inyenyeri, rutugeraho mu majoro y'imŷijima.)

23.3. **Gusoma** (kimwe n'iyindi myandiko)

23.4. **Ibibazo ku mwandiko**

1. Urumuri rw'inyenyeri warugereranya ute n'urw'izuba?
   — Ari izuba ari n'inyenyeri bitanga urumuri rubiturukaho, uretse ko urw'inyenyeri ruboneka gusa nijoro kandi ari ruke cyane.
2. Urumuri rw'inyenyeri warugereranya ute n'urw'ukwezi?
3. Kuki hari inyenyeri ziruta izuba ubunini ariko tukazibona ari nk'udushashi tunyenyeretsa?
4. Ku manywa kuki tutabona urumuri rw'inyenyeri?

23.5. **Umwitozo**

Iyandikisha: abanyeshuri bandike aka gace k'umwandiko ... «Ndetse no ku manywa ... kuzibonesha amaso yacu». Umunyeshuri umwe abe yanditse ku kibaho, abandi bahinduranye imbaho, bafatanye na Mwarimu gukosora.

23.6. **Ikibonezamvugo**

Ikinyazina ngenga
Guhera kuri izi ngero (ku kibaho):

Inyenyeri na **zo**
Izuba na **ryo**



Uhereye kuri izi ngero wakomeza ku bindi na byo bitanga urumuri uti

«Ukwezi ko
Umuriro **wo**
Isitimu **yo**
Ikibiriti **cyo**
Ibishirira **byo** ...»

Utwo tujambo zo, ryo, ko ... ni ibinyazina ngenga. Mu magambo make, icyo kinyazina kigira indangasano ikurikiwe n'inyajwi — e muri ngenga 1 na 2, mu nteko 1, mu zindi nteko iyo nyajwi ikaba - 0.

**Imbonerahamwe yacyo**

| | Ikinyazina ngenga | | | Ibigikomokaho | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | 2<br>gisanzwe | 3<br>cyongerewe | 4<br>gikuri-kiye ngenera | 5<br>— nyine | 6<br>— se | 7<br>— mbi |
| g. 1 bu | jye, njye | (n) jyewe | — njye | jyeenyine | | |
| g. 2 bu | we | wowe (wee) | — we | weenyine | | |
| g. 1 bw | twe | twebwe | — cu | tweenyine | tweese | tweembi |
| g. 2 bw | mwe | mweebwe | — nyu | mweenyine | mweese | mweembi |
| g. 3 nt. 1 | we | | — e | weenyine | weese | |
| nt. 2 | bo | | reba 2 | boonyine | boose | boombi |
| nt. 3 | wo | | » | woonyine | woose | |
| nt. 4 | yo | | » | yoonyine | yoose | yoombi |
| nt. 5 | ryo | | » | ryoonyine | ryoose | — |
| nt. 6 | yo | | » | yoonyine | yoose | yoombi |
| nt. 7 | cyo | | » | cyoonyine | cyoose | — |
| nt. 8 | byo | | » | byoonyine | byoose | byoombi |
| nt. 9 | yo | | » | yoonyine | yoose | yoombi |
| nt. 10 | zo | | reba 2 | zoonyine | zoose | zoombi |
| nt. 11 | rwo | | » | rwoonyine | rwoose | |
| nt. 12 | ko | | » | koonyine | koose | |
| nt. 13 | two | | » | twoonyine | twoose | twoombi |
| nt. 14 | bwo | | » | bwoonyine | bwoose | bwoombi |
| nt. 15 | ko | | » | koonyine | koose | |
| nt. 16 | ho | | » | hoonyine | hoose | hoombi |

**Ikoreshwa rusange ryacyo**

— Cyunganira indangasano y'inshinga, impagike, izina, ikinyazina.

**Urugero:** arareba
we arareba
we aramureba
ndamureba we

— Gikoreshwa nyuma y'imvugaruhamwa, icyungo, indangahantu n'ikinyazina (cyunga) ngenera.

**Urugero:** ni bo
na bo
kuri we
muri zo
ihene zaabo
umuhoro waabo

— Cyuzuza amwe mu mazina atuzuye.

**Urugero:** nyirabyo

— Gishobora kujyana n'ikinyazina ngenera ariko kigikurikiye.

Nubwo mu nyandiko bifatana, mu kibonezamvugo ni amagambo atandukanye. Inyito yabyo bifatanye yaba nk'«ikinyazina nyabyo», kigafata indomo iyo cyasimbuye izina. Ikinyazina ngenera kijya mu nteko y'igitunzwe, ikinyazina ngenga kikajya mu ya nyir'ugutunga. Byombi rero, uko twabibonye, bigira inteko zabyo.

**Ingero:** iryinyo ry'imbwa — iryinyo ryaayo — iryaayo
amaguru y'inka — amaguru yaayo — ayaayo

**Imikoreshereze yihariye mu nteko zimwe na zimwe**

— Ikinyazina ngenga gishobora gusimbura itsinda ry'amagambo rigizwe n'indangahantu n'ibiyuzuza.

**Ingero:** Yakubise ku rutugu.
Yakubise**ho.**
Yaguye mu ruzi.
Yaguye**mo.**
Yagiye ku birunga.
Yagiye**yo.**



— Ibinyazina ngenga birema n'andi magambo.

**Urugero:** kubaho

— Hari n'ukundi **ho** na **mo** bikoreshwa.

**Ingero:** Hari abana mu ishuri.
Mu ishuri hari**mo** abana.
Bakora muri iyi nzu.
Bakora**mo.**
Kunyura ku mategeko.
Amategeko ntakanyurweho.
Naciye ku nka.
Naziciye**ho.**

— Bikoreshwa no mu iguranamumaro mu nteruro.

**Urugero:** Imfizi iza mu nka.
Ziza**mo** imfizi.
Ikintu kiri mu rugo.
Urugo ruri**mo** ikintu.

— Gishobora gukurikira imvugaruhamwa, kigakurikirwa n'inshinga iri mu nsano, ariko itari ngiro.

**Ingero:** Ni **bwo** tugiye.
Nta **ho** yize.
Ni **ko** bigenda.

— Gishobora kubanziriza izina ryuzuza zimwe mu nshinga.

Yanyohereje **ho** incungu.
Ikigonyi yagihinduye**mo** ibati.

— Gishobora gukurikira indangahantu cyangwa ikindi kinyazina ngenga.

Iwacu **ho** imvura iragwa.
Jye (we) ndatashye.

— Gishobora kuzuza inshinga cyangwa imvugaruhamwa.

Ni byo. Ni ko (ko).

— Gishobora gutangira interuro nyampamvu.

**Ko** utavuga ni kuki?

— Gishobora gutangira ingingo ngaragira nyacyuzuzo.

Arashaka **ko** tujyana.
Ambajije **ko** nzaza.

23.7. **Umwitozo**

Gukora interuro zirimo ikinyazina ngenga cyangwa kiyikomokaho. Izo nteruro zibe zibutsa bimwe mu bikubiye mu myandiko baheruka kwiga.
Buri munyeshuri yandike interuro eshanu; nyuma bagende bazisoma, Mwarimu azikosore.

**Ingero**

— Ukwezi ni guto ku isi, kandi kurayegereye; izuba **ryo** riri kure cyane y'isi, rikanayiruta ubunini cyane.

— Inyoni zigira amababa, ntizonsa abana; agacurama **ko** kagira amababa nka **zo**, kakonsa abana.



## 24. UBUNYOBWA

24.1 **Ukugena intego**

24.2. **Ivumburamatsiko:** kwitegereza aho ubunyobwa bwera, Mwarimu yereke abanyeshuri igikuri cy'ubunyobwa kiriho indabo n'intete, ni ukuvuga igikuri kigishora, indabo zimwe ari yo zikinjira mu butaka.

Aho ubunyobwa butera, Mwarimu abereke igishushanyo cy'ubunyobwa. Abanyeshuri babwitegereze banavuge ibice bibugize basubiza ibibazo Mwarimu ababaza.

24.3. **Kumva:**

Mwarimu asomere abanyeshuri uwo mwandiko ari na ko bagenda bandika amagambo abakomereye ku mbaho zabo.

24.4. **Inyunguramagambo:**

Ubunyobwa ni akabuto gakura gakararamba:
karandaranda hasi.
Igitaka gihehereye:
*cyoroshye, kitumagaye.*
Ubutaka bw'impangare:
*bwumaganye, butarimo amazi.*
Ihinga ry'ubunyobwa ntirigora:
*ntirirushya, riroroha.*
Igihe cy'impeshyi:
*mu cyi ( guhera muri Kamena ukageza muri Kanama ).*
Intete:
*imbuto z'ibinyamisogwe.*
Guhuguta:
*kujya kubora, guhindura ibara.*
Guhuguta kw'igicuma:
*amashywa n'inzuzi biba bitangiye kuborera imbere.*
Uguhuguta kw'inkorora:
*inkorora igiye gukira.*
Guhonga:
*gukamukamo amazi. Urugero: ibijumba by'imihonge. Ibijumba bihonga hashize nk'iminsi ibiri bikuwe.*

24.5. **Ibibazo ku mwandiko:**

Ubunyobwa bukura bute?
— Bukura bukararamba.

Indabo zabwo zisa zite?
— Indabo zabwo ziba ari umuhondo.

Imbuto zabwo ziboneka zite?
— Indabo zegereye igitaka zicyinjiramo zigahinduka imbuto.

Mbese ubunyobwa bukomoka hehe?
— Ubunyobwa bukomoka mu gihugu cya Burezili.

Ubunyobwa buhingwa mu gitaka kimeze gite?
— Buhingwa mu gitaka gihehereye.

Kuki ubunyobwa butuzura n'igitaka cy'impangare?
— Indabo ntizishobora kukimena ngo zicyinjiremo.

Babuhinga ryari?
— Ubutaka bumaze guhaga imvura (mu itumba).

Kuki babutera batabwegeranya?
— Kuko iyo bwegeranye buryana, bugakura nabi.

Babusarura nyuma y'igihe kingana iki?
— Babusarura hashize amezi agera kuri atanu.

Icyo gihe bakibwirwa n'iki?
— Amababi atangira guhonga no guhuguta.

Babusarura bate?
— Bakoresha isuka cyangwa intoki.

Intete z'ubunyobwa zivamo iki? — Zivamo amavuta.
— Baburya bate?
Baburya bukaranze, cyangwa bakarya isupu yabwo.

Ayo mavuta amara iki?
— Barayatekesha, bayakoresha amasabune.



Ubundi mbese uyu mwandiko wose uratwumvisha iki?
— Uyu mwandiko uratwumvisha ubunyobwa icya ari cyo, aho bukomoka, uko buhingwa, aho bwera, uko busarurwa, icyo bumara.

24.6. **Imyitozo**

24.6.1. **Gukosora interuro:**

Vuga ijambo cyangwa se amagambo adakwiye muri izi nteruro:

Ubunyobwa, ibijumba n'imyumbati bikura bikararamba.
Indabo z'ubunyobwa zisa n'iza soya, zirigita mu butaka zigahinduka imbuto.

24.6.2. **Kuzuza interuro:**

uzurisha izi nteruro amagambo ari mu mwandiko.

Arakubita isuka ntiyinjire, hano ni ....
Haraye haguye imvura iringaniye, ubu ubutaka ....
Ihinga ry'ubunyobwa .... nk'iry'amasaka.
Itabi wa musaza yahubitse ejo bundi ubu rimaze .... ; uryanike.

24.6.3. **Guhimba interuro**

Shyira aya magambo mu nteruro eshatu zivugitse neza.

Burezili, bukomoka, ubunyobwa, cya, mu, gihugu, bakayatekesha, agera, bakabukuramo, amezi, kuri atanu, babusarura, ubunyobwa, hashize, amavuta.

24.6.4. **Vuga amazina akomoka kuri izi nshinga:**

gusarura — guhangara, guhonga, guhinga

**Vuga inshinga zifitanye isano n'aya magambo:**

ubushyuhe — ubuhehere — impangare — ibagara — itonora.

24.7. **Guhina umwandiko** (Mwarimu akorane uwo mwitozo n'abanyeshuri)

Interuro 1 ivuga aho ubunyobwa bukomoka
Interuro 1 ivuga ubunyobwa icyo ari cyo
Interuro 1 yerekana uko bushora
Interuro 1 yerekana aho buhingwa
Interuro 1 yerekana uko buterwa
Interuro 2 zerekana uko bwera n'uko busarurwa
Interuro 2 zerekana akamaro kabwo

**Urugero:** Ubunyobwa bukomoka muri Burezili.
Bukura bukararamba kandi bukagira indabo nyinshi z'umuhondo.
Indabo zo hasi zinjira mu gitaka zigahinduka imbuto.
Ubunyobwa buhingwa mu gitaka cyoroshye.
Babutera babutandukanya bashyira intete ebyiri mu mwobo mugufi.
Iyo bweze amababi atangira guhuguta no guhonga.
Babukurisha isuka cyangwa bakarandura ibitsina.
Babwanika iminsi itanu nyuma bakabutonora.
Ubunyobwa buribwa bukaranze cyangwa buseye.
Ubundi kandi buvamo amavuta bakayatekesha, cyangwa bagakoramo amasabune.

(Abanyeshuri babanze gusoma uyu mwandiko uhinnye hanyuma bawandukure mu makaye yabo.)



## 25. UGIYE I BURYASAZI

25.1. **Ukugena intego**

25.2. **Ivumburamatsibo**

Mwarimu abwire abanyeshuri ako gakuru mu magambo ahinnye

25.3. **Ibibazo ku gakuru**

Abantu bavugwa muri aka gakuru ni bande?
Uwo mukobwa bamushyingiye he?
Abantu b'aho bakundaga kurya iki?
Uwo mukazana ariye isazi byamugendekeye bite?
Kuki atongeye kwanga kurya isazi?
amagambo akomeye ku mbaho zabo.

25.4. **Inyunguramagambo**

Nyirabukwe:
*nyina w'umugabo we.*
Umukazana:
*umugore w'umuhungu we.*
Nyirabukwe amuhereza isazi yatetse:
*Nyirabukwe amugaburira isazi yatetse.*
Akabya:
*akeso, akanoga.*
*akabya k'amavuta*
*akanoga k'amavuta*
*akeso gapfundikira inkono*
Nyirabukwe yegura isuka:
*afata isuka ajya guhinga.*
Isazi zimaze guhwana:
*isazi zimaze gushya neza.*
Agakono kamubayeho ingunga:
*ingunga ni agacuma kangana n'igipfunsi bomeka aho baciye indasago ngo kanyunyuze amaraso mabi. Aho gafashe karahanunira cyane. Agakono na ko kanuniye umunwa we nk'uko ingunga inunira aho bayometse.*
Amahingura:
*igihe cyo guhingura kigeze.*

Igihe cy'ikiraba:
*igihe cyo kurya (gufungura) Abanyarwanda babanza gukaraba mbere yo kurya (kuko akenshi barisha intoki).*
Nyamwari (umwari):
*umukobwa warongowe ukiri kwa sebukwe udakunda gusohoka. Ikirongore kitarasohoka.*
Yashize izima, yavuye ku izima:
*yaretse gukomeza kwanga kurya isazi.*

25.5. **Ibibazo ku mwandiko**

Uwo mukazana yumvaga atarya isazi koko?
Ni iki kitwereka ko yinenaguzaga?
Ni uruhe rwitwazo yatangaga?
Erekana amerwe y'uwo mukazana. Yagiye abigenza ate?
Kuki nyirabukwe atongeye kumwingingira kurya isazi?
Uyu mugani utwigisha iki?

25.6. **Gusobanura interuro**

25.6.1. **Vuga izi nteruro ku bundi buryo**

Atereka ku ziko: ashyira ku ziko
Akabya kamaze guhora: ibiryo bitagishyushye
Aterura akabya arumika ku munwa: ashyira ku munwa.

Nuko yigunga aho: yicara wenyine yumiwe.
Byakugendekeye bite: Wabaye ute?

25.6.2. **Vuga amazina akomoka kuri izi nshinga**

| | |
|---|---|
| Guhingura | (amahingura) |
| Gushoka | (amashoka) |
| Gukuka | (amakuka) |
| Gutaha | (amataha) |

25.6.3. **Uzurisha izi nteruro amagambo ari mu mwandiko.**

Umukazana ... mu gakono ngo huum!
Ngutwo ... twa sobukwe, uramenye ntidushirire.
Aterura akabya ... ku munwa.
Ntiyirirwa abaza umukazana, barakaraba bararya kuko yari yashize ...



# 26. IBARUWA

26.1. **Ukugena intego**

26.2. **Gusoma**

Gusoma bucece; nyuma basome baranguruye umwe umwe.

26.3. **Inyunguramagambo**

Itungo:
*inyamaswa iba mu rugo.*
Isekurume y'igihuga:
*isekurume y'umukara uvanze n'umweru.*
Inyagazi musheru:
*Iryo bara risa n'ibihogo ku nka.*
N'ejo ni umunsi:
*n'ejo muzaba mukiri kumwe. Muzabonana ...*
Murumvikana muhuriza ku mpano:
*mujya inama, mwemeza mwembi impano muzampa.*
Impano y'umwihariko:
*impano ye bwite azaheraho yorora.*
Iri tungo rizororoka:
*iri tungo rizabyara benshi.*
ishashi itagira uko isa:
*ishashi nziza cyane.*

26.4 **Ibibazo ku mwandiko**

Ni nde wanditse iyi baruwa? Yandikiye nde?
Ni iki Vunabo ashaka kubwira Sekuru na Nyirakuru?
Ihene bamuhaye yabyaye bangahe?
Bafite ayahe mabara?
Uretse iryo tungo bamuhaye, ikindi abashimira ni iki?
Ababyeyi n'abavandimwe ba Vunabo banejejwe n'iki?
Vunabo yafashe ate iyo hene?
Aho Vunabo ntiyahugiye mu bworozi ngo yibagirwe ishuri?
Ni iyihe nteruro ibigaragaza?

26.5. **Umwitozo wo kwandika ibaruwa** (mu buryo bworoshye)

Mwarimu akorane imbata yayo n'abanyeshuri, anababaze uko babona yanditse (aderesi, amagambo abanza, aho izina

ry'uwanditse ryandikwa, aho bashyira tembure n'uko bandika ku ibahasha inyuma n'imbere).

Andikira so ukora kure umushimira akarima k'umwihariko yaguhaye watsinze ibizamini bya Noheli kandi unamubwire uko ugafata.

Ingingo z'ibaruwa abanyeshuri bashakiye hamwe.

— Kumusuhuzanya urukumbuzi unamushimira ako karima yaguhaye.

— Uko wagafashe:

Waragafumbiye
Wagahinze neza
Waragateze ngo isuri itagatwara.

Warakagabanyije imikaba
Imbuto wagateyemo, uko waziteye, ukazuhira ukazibagara; umusaruro wumva uzakuramo.

— Uko abo mu rugo bishimye.
— Uko uzakoresha ibizava mu musaruro wawe.
— Umusezereho;

wongere umushimire
umubwire ukuntu abo mu rugo bamukumbuye.

Abanyeshuri bagende bahimba interuro ngufi, Mwarimu areke bagende bakosorana. Mwarimu agende yandika interuro ku kibaho kugeza ku musozo. Abanyeshuri basome uwo mwandiko.

26.6. **Umukoro:**

Abanyeshuri bakurikije imbata y'ibaruwa bandukuye mu makaye yabo, basubize iyo baruwa bandikiye mu ishuri mu cyimbo cy'umubyeyi. Bazayisubirize iwabo. Mwarimu azabisuzumire hamwe na bo mu isomo rizakurikiraho.



26.7. **Inshoza y'itondaguranshinga**

Itondagura ubusanzwe ni ugusanisha ruhamwa (mu ntego n'inteko zayo zose) n'inshinga mu gihe iki n'iki, mu buryo ubu n'ubu, mu irebero iri n'iri .....: iyo nshinga ikazamo inyongera ndetse wenda n'inshyigikizi.
Itondagura ni urusobe rugizwe n'uturemajambo tw'ihindu nk'impakanyi, indema, umusozo, akarangasaku ...
Itondagura riza mu nshinga, mu nsano ngira no mu mbundo.
Hazamo ibyiciro bitanu: iyemeza cyangwa ihakana, uburyo, urwego, irebero n'ubwuzuzwe.
Habaho itondagura risanzwe rigiye rigirwa n'ijambo rimwe n'iry'urusobe rigizwe n'abiri ndetse akaba yarenzaho.
Hatondagurwa muri uyu mwaka bya bihe bikuru byizwe mu mwaka wa kane: impitagihe, indagihe, muri ngenga zose, zaba iz'abavugana uko ari ebyiri mu bumwe no mu bwinshi, yaba n'iy'uvugwa ya gatatu iha inshinga indangasano zindi 16.

**Urugero:** Vunabo aragenda
Ihene iragenda
Vunabo ati «Ndagenda»
Bagiye kumuha ihene
Vunabo yaragiye agarukana impano.
Twagiye kumusanganira.

Nta wakwiga itondaguranshinga ngo yirengagize amasaku kandi mu rurimi rwacu ashobora guha ijambo inyito cyangwa insobanuro yihariye. Mu turemajambo tw'inshinga rero hazamo n'akaremajambo ndangasaku. (Ubutinde n'imiterere by'amasaku biteganyijwe mu cyiciro cya gatatu).

## 27. AMASO

27.1. **Intego**

uyu mwandiko utandukanye n'indi kuko ibiwanditsemo abanyeshuri babyibonaho. Mbere yo gusoma uwo mwandiko wose, Mwarimu agomba kubanza kubabaza ibibazo ku buryo na bo ubwabo bibonera ibigize ijisho kuko ari byo bikubiye mu gice cya mbere cy'uyu mwandiko.

27.2. **Kwitegereza ijisho:** (ni na ho bungukira amagambo batari basanzwe bazi)

Uru rugingo rw'umubiri rwitwa uruhe?
Dufite amaso angahe?
Reba mu jisho rya mugenzi wawe umbwire ibice ubona: imboni, umweru (ijisho ryera, iryera).
Mu mpande hari iki?
Amaso yanyu atwikiriwe n'iki?
Nimuhumirize. Murabona? Kuki mutabona?
Ijisho rigira ibigohe bingahe?
Byose hamwe ni bingahe?
Ubwoya bwo ku ngohe babwita bate?
Nimukoze urutoki hejuru y'ibigohe. Uwo mwanya uri hejuru y'ijisho ni uwuhe?
Vuga izina ry'ubwo bwoya buri ku bitsike.
Ingohe n'injwiri bimariye iki ijisho?
Kuki mutambaye indorerwamo?

27.3. **Gusoma:**

Abanyeshuri basome bucece; hanyuma babiri muri bo bagabane uwo mwandiko bawusome.

27.4. **Ibibazo ku mwandiko.**

Bongere bakore ku jisho ari na ko berekana ibice byaryo.
Kuki tugomba kugirira amaso yacu isuku?
Ni ibihe bintu bitokoza ijisho?
Kuki kwibyiringira ari bibi?
Aho kwibyiringira twakwitokoza iki?

27.5. **Umwitozo wo gusoma (reba 26.2.)**

27.6. **Gushyira igishushanyo cy'ijisho cyangwa se kurishushanya ku kibaho abanyeshuri bagashyiraho ibice byaryo.**



## 28. BWENGEBUKE

28.1. **Ukugena intego**

28.2. **Ivumburamatsiko:**

Mwarimu yereke abanyeshuri ibyo yashushanyije ku kibaho bishushanya ako gatekerezo cyangwa se abe yateguye amashusho yomeka ku kibaho gifata.

| | |
|---|---|
| (amashusho) (1)<br>Indogobe, umwana na se bayirongoye baca ku bakobwa bavoma barabaseka.<br>INDOGOBE IRIDEGEMBYA, BO BARAGENDESHA AMAGURU. | Umwana ari ku ndogobe,se ayishoreye bahura n'umukambwe. (2)<br>IRYAVUZWE RIRATASHYE, NTA MUSORE UCYUBAHA UMUKAMBWE! |
| Umugabo ku ndogobe umwana agenda n'amaguru. Indogobe igenda imusiga, abantu baseka uwo mugabo. (3)<br>UMWANA ARANANIWE, SE ARIGENDERA KU NDOGOBE. | Umwana na se ku ndogobe. (4)<br>Indogobe iremerewe cyane. |
| Umwana na se barayiheka. (5) | Ku mugezi abo bahasanze (6) babaha inkwenene, indogobe yitura mu mazi. |
| Umwana na se bataha bumiwe, bimyiza imoso. | |

28.3. **Umwitozo:**

Umunyeshuri yifashishe igongo agende akoza ku bishushanyo asubira mu·gakuru.
Mwarimu afatanye n'abandi banyeshuri kumukosora.

28.4. **Gusoma mu gitabo:**

Abanyeshuri bane bagabane uwo mwandiko bawusome; abandi bandike amagambo abakomereye ku mbaho zabo.

28.5. **Gusobanura amagambo akomeye**

Indogobe iridegembya:
*iragenda nta cyo itwaye*
Umukambwe:
*umusaza*
Ingirwa se:
*uwitwa se*
Guhata inzira ibirenge:
*bagenda bihuta kandi bananiwe ngo bagere aho bajya.*
Nyamugabo arita mu gutwi:
*arabyumva*
Umubyeyi gito:
*umubyeyi mubi, utita ku bana be.*
Barashogoshera:
*baragenda*
Aragenza inyuma y'ibirenge:
*yarnaniwe*
Gusingira umusozi:
*gutangira, gufata undi musozi*
Inkwenene:
*ibitwenge, urw'amenyo*
Imira nkeri:
*igwa mu mazi, irarohama, irasoma, irahwera*
Basubira imuhira bimyiza imoso:
*bataha ubusa; babuze amahaho* (ari indogobe yabo, ari n'amafaranga bayishakagaho.)

28.6. **Mwarimu atwikire amashusho.**

Abanyeshuri bandike ku mbaho zabo interuro ngufi ziranga ingingo ndwi z'icyo gitekerezo, agende abakosora.

28.7. Mwarimu yandike ku kibaho ibisubizo by'abanyeshuri ari na ko bafatanya kunoza imvugo n'ibitekerezo.

28.8. Mwarimu n'abanyeshuri bifashishije izo ngingo bahine umwandiko maze abanyeshuri bawusome.



28.9. **Ibibazo byo gutekereza**

Iyo uba uwo mugabo uba warabigenje ute?
Kuki bamwise «Ntabwenge»?

28.10. Abanyeshuri bandukure uwo mwandiko bahimbye mu makaye yabo.

# 29. UMUGENDO W'IBITUNGA UMUBIRI

29.1. **Ukugena intego**

29.2. **Ivumburamatsiko**

29.2.1. Abanyeshuri bavuge ibihingwa bimwe bazi.
Mwarimu abyandike ku kibaho abishyira mu bice bitatu: ibinyabijumba, ibinyamisogwe, ibinyampeke.


29.2.2. Abanyeshuri bavuge ibinyobwa bazi. Na byo abyandike ku kibaho mu bice bitatu: ibituruka ku buhinzi, ibituruka ku matungo n'ibiva mu butaka.

29.2.3. **Ikibazo:**

ibyo umuntu ariye cyangwa anyoye bica he kugira ngo bigere mu nda?

29.3. **Kwitegereza igishushanyo cy'umugendo w'ibitunga umubiri.**

Umunyeshuri asome umwandiko wose; abandi bongere basome umwe umwe buri gika ari na ko Mwarimu yerekanisha ingwa y'ibara uwo mugendo.






1. **Mu kanwa:**
Amenyo akacanga ibiryo, amacandwe akabicengera bigahinduka nk'umutsima woroshye, ururimi rukawukaraga ugahinduka inombe.

2. **Mu muhogo:**
Uwo mubumbe umanuka mu muhogo ukajya mu gifu.

3. **Mu gifu:**
Igifu cyenga ibiryo kibivanga n'amatembabuzi yacyo bigahinduka igikoma.

4. **Mu rura ruto:** (rw'amata)
Icyo gikoma cyivanga n'indurwe y'impindura n'iy'umwijima n'amatembabuzi yarwo, rukabihonyora bigahinduka amata y'urura bikinjira mu twenge duto tw'urura bikajya mu maraso.

5. **Mu rura runini:**
Urura runini rwakira ibisigaye mu rura rw'amata rukabinyunyuzamo amazi.
Ibikatsi bisigaye bikajya imusozi iyo umuntu agiye ku nama.
Iyo rutakuyemo amazi menshi umuntu arahitwa naho iyo rwakuyemo amazi menshi umuntu aragomera.

29.4. **Inyunguramagambo**

Guhonyora:
*gusya cyane*
Indurwe:
*ikintu gisharira bikabije*
Kujya ku nama:
*kugubwa neza n'ibyo uriye, kutagugarara mu nda, ukituma neza.*
Kuzitira:
*kurinda*

29.5. **Ibibazo**

1. Vuga akamaro k'indurwe.
2. Igifu cyenga ibiryo gite?
3. Kuki urura ruto rwitwa urura rw'amata?
4. Guhitwa biterwa n'iki?
5. Kugomera biterwa n'iki?

29.6. Mwarimu yongere asomeshe buri gika cy'umwandiko; abanyeshuri bagende bavuga akamaro ka buri gice kirangiye.

29.7. **Guhina umwandiko:**

Mwarimu ace imirongo aho bya bice bigenda bigarukira. Afatanye n'abanyeshuri kwandika mu magambo ahinnye akamaro ka buri gice (mu kanwa, mu muhogo, mu gifu, mu rura ruto, mu rura runini).
Abanyeshuri babanze basome uwo mwandiko uhinnye, nyuma bawandukure mu makaye yabo bagenda bakurikiza igishushanyo.



## 30. IBARUWA

30.1. **Ukugena intego**

30.2. **Ivumburamatsiko:**

kwitegereza uko ibaruwa yandikwa

30.3. **Gusoma:**

Abanyeshuri basome iyo baruwa ari na ko abandi bandika ku mbaho zabo amagambo abakomereye.

30.4. **Inyunguramagambo:**

Gukumbura:
*kwifuza kubonana n'umuntu mudaherukana*
Misa ihumuje:
*Misa irangiye*
Inka zihumuje:
*barangije kuzikama*
Kwihera ijisho:
*kwirebera*
Nusukote:
*agakote bambarira imbere y'ikositimu*
Mariyaje:
(igishushanyo, ishusho) *bayitamiriza mu ijosi itambitse, kenshi mu mwanya wa karuvati.*
Babukereye:
*bambarive ubukwe, barimbye.*
Kwizihirwa:
*kunezerwa*
Kubura inda:
*kubura aho ushyira, hari ibintu byinshi birabananira.*
Biba urufaya:
*biba uruvange.*
Amashyi y'urufaya:
*amashyi menshi*
Kurasa umuntu urufaya:
*kumurasa imyambi myinshi*
Gukuranwa ijambo:
*gukuranwa kuvuga*

Gushimagiza:
*gushima cyane*
Ku gicamunsi:
*nimunsi*
Kurara inkera:
*kurara banywa.*

30.5. **Ingingo z'umwandiko**

30.5.1. **Ibibazo**

1. Uru rwandiko rwanditswe na nde?
2. Yarwandikiye he?
3. Ni iki yashakaga kumugezaho?

30.5.2. **Gusoma buri gika.**

Abanyeshuri bakawukuramo ingingo ziwugize zikandikwa ku kibaho.

**Igika cya mbere:**
Mbarirende abanza gusuhuza mugenzi we.
Aramwibutsa uko babanye.

**Igika cya kabiri:**
Aramumenyesha uko ubukwe yatashye bwagenze.

**Igika cya gatatu:**
Igihe bwatahiye.

**Igice cya kane:**
Abanyeshuri bagaragaze ukuntu bari barimbye.

**Igika cya gatanu:**
Abanyeshuri bagaragaze uko bazimaniye abashyitsi (abakwe) n'abasangwa n'uko babasezereye.

**Igika cya gatandatu:** (umusozo w'umwandiko)
Icyo amusezeranya
Icyo amwifuriza



30.6. **Gusoma:**

Abanyeshuri bongere basome iyo baruwa.

30.7. **Kuvugira mu ruhame:**

Abanyeshuri babiri batekerereze bagenzi babo uko ubukwe baba baratashye bwagenze cyangwa se ibindi birori babonye.

30.8. **Guhimba**

Wifashishije ingingo ziri ku kibaho, andikira mugenzi wawe umutekerereze inkuru ushatse (ibika bitanu).

## 31. URURIMI RWOSHYWA N'URUNDI

31.1. **Ukugena intego**

31.2. **Ivumburamatsiko:**

Ni utuhe dusimba dukunda kuba mu nzu?
Imbeba zose ziba mu nzu?
Ni ubuhe bwoko bw'imbeba buba mu gasozi?
Mwarimu abwire abanyeshuri icyo gitekerezo mu magambo ahinnye.

31.3. **Ibibazo ku gitekerezo**

1. Umugabo n'umugore bari bishimiye iki?
2. Baje kuzuzwa n'iki? Bitewe na nde?
3. Bongeye kurwana bitewe n'iki?
4. Ni nde wabakijije?

31.4. **Gusoma:**

Abanyeshuri bane bagabane umwandiko bawusome.

31.5. **Inyunguramagambo:**

Ibya mva he na njya he:
*ku bintu byose*
Urugwiro:
*Umushyikirano, ikiganiro gishimishije, imico myiza.*
Byabara kariharya:
*byabara uwari uhari, uwabyiboneye.*
Karahava:
*biracika*
Barakwenkwenura:
*baseka urumenesha (cyane)*
Impaka za ngo turwane:
*Impaka z'urudaca (zitarangira)*
Ubushungu:
*uburakari bukabije*
Urushyi nturuzira:
*ngurwo urushyi!*
*Amukubita urushyi.*



Gukizwa na mbuga:
*bararwana kugeza aho barambiriwe, bananiriwe.*
Inkundura:
*intambara ikomeye kandi ndende.*
Kwemveka:
*gufatana barwana.*

31.6. **Ikibonezamvugo**

**Shyira aya magambo ari mu mwandiko mu nteko zayo.**

Umugabo — Umugore — abagore — umunsi — impaka — ijoro — amahirwe — ikiganiro — ibihe — urushyi — inkundura — utugambo — akagabo — ukubana.

**Indangasano**

Mu nteruro cyangwa mu rujyano rw'amagambo, hari uduce tugenda duhinduka uko amagambo agenda yisanisha n'amagambo ngengasano. Ni ukuvuga ko amagambo afitanye isano n'ijambo ngengasano yisanisha na ryo, agafata indangasano ishobora gutuma ajyana na rya jambo ngengasano mu nteruro mboneramvugo cyangwa mu bice byaryo. Buri jambo ryisanisha n'ijambo ngengasano ku giti cyaryo.

**Urugero:**
Umugabo **mu**bi(1)
Umugabo **um**we(2)
Umugabo **a**rarwana. (3)
Umugabo tura**mu**hana. (4)
Habaho rero indangasano ya ntera (1), iy'ikinyazina (2), iy'inshinga (3), iy'impagike cyangwa iy'icyuzuzo (4). Izo ndangasano zishobora kugaragara ari nyinshi cyangwa se zose mu nteruro:

**gi** (e) **n**dakuzi ura**n**kubita
**mu** (e) murabazi bara**ba**kubita
**Umu**ntu **mu**kuru **um**we **a**raboneka tura**mu**bona.

Muri iyi nteruro izina ngengasano ni umuntu ryo mu nt 1. Ariko twabonye ko ng 1 n'iya 2 zigira ubumwe n'ubwinshi, iya 3 yo ikagira intego 16.

**Imbonerahamwe y'indangasano**

| INDANGANTEKO | | INDANGASANO | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | ya ntera | y'ikinyazina | y'inshinga | y'icyuzuzo |
| Ngenga 1 | bu | | (n) gi jy | **n**damukiza | ara**n**kubita |
| Ngenga 2 | bu | | u- | **u**rabeshya | nda**ku**zi |
| Ngenga 1 | bw | | tu- | **tu**rihana | ara**tu**babarira |
| Ngenga 2 | bw | | mu- | **mu**ratongana | nda**ba**gaya |
| Ng. 3 nt 1 | Umugabo | mukuru | umwe | arahemuka | bamucyahe |
| Ng. 3 nt 2 | Abagore | babi | bamwe | barakosa | tubahane |
| Ng. 3 nt 3 | Umunsi | mutagatifu | umwe | urabaye | tuwizihize |
| Ng. 3 nt 4 | Iminsi | mihire | imwe | iratashye | ndayikunze |
| Ng. 3 nt 5 | Iryinyo | rinini | rimwe | riramurya | urikure |
| Ng. 3 nt 6 | Amahirwe | masa | amwe | araguma | muyakomeze |
| Ng. 3 nt 7 | Ikiganiro | kigufi | kimwe | kirashimisha | ndakibanza |
| Ng. 3 nt 8 | Ibihe | bishya | bimwe | biraje | bitegereze |
| Ng. 3 nt 9 | Inkundura | ndende | imwe | irarose | muyitege |
| Ng. 3 nt 10 | Impaka | ndende | zimwe | zirateranya | bazicubye |
| Ng. 3 nt 11 | Uruhande | rugari | rumwe | ruraguye | turarusana |
| Ng. 3 nt 12 | Akana | gato (ga) | kamwe | karakubagana | ndakareba |
| Ng. 3 nt 13 | Utugambo | twiza | tumwe | turashimisha | utubabwire |
| Ng. 3 nt. 14 | Uburakari | bubi | bumwe | burasenya | mubureke |
| Ng. 3 nt 15 | Ukuguru | kurekure | kumwe | kurarwaye | mukuvure |
| Ng. 3 nt 16 | Ahantu | habi | hamwe | hararumbye | muzahareke |

31.7. **Umwitozo:** Sanisha aya magambo.

| Izina | Ntera | Ikinyazina | Inshinga | Icyuzuzo |
|---|---|---|---|---|
| Umugore | /— iza | /— mwe | kubaha | gukunda |
| Abana | /kuru | /—biri | kwiga | kumenya |
| Umwaka | /hire | — o | gushira | kwibuka |
| Igihe | /— re | /— o | kurambirana | kutagicyura |
| Ubwatsi | /bi | /— ndi | kuma | kuraba |

31.8. Abanyeshuri basanishe mu zindi nteko bakoresheje amagambo yabo.



## 32. ICYIVUGO CY'ININGWA

32.1. **Ukugena intego**

32.2. **Ibibazo n'ibisobanuro rusange ku mwandiko.**

Uyu mwandiko ni bwoko ki?
Igice cya mbere ni icya nde?
Icya kabiri cyo ni icya nde?
Iki cyivugo cyitwa iningwa. Iningwa ziba ngufi. Gisingiza ubutwari bwa kanaka cyane cyane ku rugamba: uko yishe, uko yarwanye ku bo batabaranye, uko yahahije umwanzi abandi bagakwirwa imishwaro abe ntibahunge, nuko akavuga ibigwi; uwabaye intwari ku bundi buryo akavuga ibirindiro bye. Ibyivugo birebire babyita imyato, bikagira imikarago myinshi.

32.3. **Inyunguramagambo**

Umk. 1 Rutajabukwa n'imitima:
*Kampayana ka Nyantaba ni umugabo udakuka umutima iyo atewe; ntagira ubwoba.*

Umk. 2 Ingamba zimisha imituku:
*Ingamba ni ukuntu ingabo zihagarara iyo zirwana. Ingamba zimisha imituku ni ukuvuga ko urugamba ruba rushyushye, barasana, bakomeretsanya, bicana, bavirirana*

*Umk. 3 Rwa Nyilimbirima:*
*Iryo zina ni iryo bahimbye Mutara II Rwogera se wa Rwabugili kuko yari atuye i Mbilima ho mu Bumbogo, ahafite urugo barahamwitirira.*
Ni icyitiriro Kampayana yafashe.

Umk. 4 Inkotanyi
*cyari icyivugo cya Rwabugili kuko yari yararahiriye kurwana ashyizeho umwete, adacogora. Ni ukuvuga ko Rwabugili yashimye ubutwari Kampayana yagaragaje ku rugamba.*

Umuk. 5 Yashinze urugamba rukora amaraso
*Urugamba rumisha imituku. Intambara ikomeye, barasana cyane.*

Umk 6 Rwampingane:
*Igihangange*

Umk. 7 Rukaragandekwe:
*Ruteracumu*

Umk. 8 Nangana n'ababisha:
*Nangana n'abanzi bakomeye.*

Umk. 11 Rutajoma (kujoma):
*Rutarwanira ubusa ngo ntahe neshejwe; najomye.*

Umk. 12 Ndi umushakamba rwose:
*Abashakamba ni umutwe w'ingabo waremwe ku ngomba ya Yuhi IV Gahindiro.*
*Kampayana aravuga ko ari umushakamba nyawe wuzuye.*

Umk. 13 Abatwara inyamusozi:
*Abatware basuzuguritse, batwara abanyacyaro batageraga ibwami.*

Umk. 14 Narabagumiye:
*Ntibashoboraga kubona undi nkanjye.*
*Nta we twari duhwanyije ubutwari muri bo.*

Umk. 15 Igisibya cy'imitsindo:
*Nanze gutsindwa nkuko bari babyiyemeje.*
*Ndabisibya. Birabananira.*

Umk. 16 Ruhamanya:
*Rudahusha*

Umk. 17 Naramwimanye:
*Namurwanyeho ntibamwica, namurasanyeho.*

Umk. 18 Ihururu:
*Ingabo zirukankira icyarimwe zigiye kurwana cyangwa se zihunga.*

Umk. 19 Baje ari abaziro:
*Baje ari ababisha bagambiriye kutumara.*

Umk. 20 Ndabahakanira:
*Ndabarwanya, ndabatsinda.*

Umk. 21 ko ntamuharishwa n'ibyuma:
*Sinamureka ngo bamwice naho nakomereka kuko twabyirukanye.*
*Ibyuma ntibyantera ubwoba ngo ndeke bamwice.*

Umk. 22 Ndamusezera arisindagiza:
*Ngenda mukingira, murasanaho agenda yisindagiza.*

Umk. 23 Abaje kutuvuna:
*Abaje kudutabara.*

Umk. 24 Basanze umuheto w'inkaka:
*Basanze nabamaze nta wukindwanya, umuheto wanjye nta kiwukoresha, widegembya nk'intare, wigenza mu nzira nk'ubukombe bw'intare.*



32.4. **Guhimba interuro**

Shyira aya magambo mu nteruro ngufi.
Kutajabukwa n'imitima
Kumisha imituku
Inkotanyi
Impingane
Indekwe
Abanyamusozi
Guhamanya
Kwimana umuntu
Gusezera umuntu
Kuvuna

32.5. **Kuvugira mu ruhame**

Mwarimu abasomere iyo ningwa yivuga
Abanyeshuri basome bamwigana, bitakuma, bivuga.

32.6. **Gufata mu mutwe** (umukoro imuhira)

## 33. INZOKA N'URUYONGOYONGO

33.1. **Ukugena intego**

33.2. **Gusoma bucece**

33.3. **Gusobanura amagambo**

Kunywana cyangwa guca ku nda:
*Ni umuco wo hambere warangaga incuti z'amagara. Abo bantu bacanaga indasago ku nda, umwe akanywa amaraso y'undi bikagaragaza amasezerano y'ubucuti buzira ubuhemu. Uwaramukaga ayaciyeho ngo yicwaga n'igihango.*
Gukorana akangononwa:
*gukora ikintu utacyiyumvisha neza, utacyemera nyakuri. Ni ugukorana amakenga. ingingimira. ingingiri.*
Gushishoza:
*kwitegereza ugahamyaho, kugerageza kureba aho utareba neza*
Ruriyumvira:
*ruribaza*
Sindagushira amakenga:
*sindakwizera bihagije.*
Ishyamba ry'ingati:
*ishyamba ry'inzitane, ijisho ritamena.*
Rishya ururimbi:
rirakongoka.
Gira bwangu:
*gira vuba.*
Hurura ay'Uruniga:
*ihute nk'amazi y'umugezi witwa Uruniga.*
Usume nk'Ururumanza:
*uzane inkubiri n'isahinda nk'iby'umugezi witwa Ururumanza; utandukanya amakomini Nyamabuye na Mukingi.*
Ubugute ay'imbogo:
*ugende nk'imbogo ikinagira, yiruka.*
Unteturure:
*untabare, unkure ahabi, ahakomeye.*
Ndacikirijwe:
*mbuze uko mbigenza.*
Kwiruka amakubaruhu:
*kwiruka cyane n'uruhu rukitera, gukundura.*



Ari impamo:
*ari ukuri*
Ruratentebukwa:
*rucika intege.*
Wirota ubikinisha:
*winabitekereza!*
Inkongi:
*umuriro mwinshi utwika umusozi ugafatira undi.*
Inkorashyano:
*gukora ibintu bitabaho, bikabije ububi.*
Gukongoka:
*gushya ugashiraho.*
Umurego:
*imbaraga n'umwete.*
Ruriyandayanda:
*rusindagirana intege nke.*
Ay'ubusa:
*bya nta kamaro.*
Kugusha ubuconco:
Kugusha ubuconsho:
*kwitura hasi wunamye.*
Rurarara: (soma nka «murandeba»)
*rumanuka nk'urugiye kugwa.*
Gukora iyo bwabaga:
*gukoresha utubaraga wari usigaranye.*
Ntirwasamba:
*rupfa ako kanya.*
Inzigo:
*urwangano ugirira uwakwiciye.* (mu mihango y'imandwa bivuga utaraturwa, utarahabwa imandwa ze.)
«Gusera» i Gahanga: (soma nka «kurumba»)
*guhigira undi.*
Inzika:
*urwango rumaze iminsi.*

33.4. **Gusomesha abanyeshuri**

33.5. **Ingingo z'umwandiko**

1. Uyu mwandiko uratumenyesha iki?
2. Ibivugwa muri uyu mwandiko byabayeho?
3. Mbese inzoka n'uruyongoyongo byanywanye byombi bibyiyemeje? Ni iki kibyerekana?
4. Inzoka yatumirije iki uruyongoyongo?

5. Inzoka yanga ko uruyongoyongo ruruhuk..., yari igamije iki?
6. Uruyongoyongo rwaje kwicwa n'iki?
7. Ingaruka y'ayo mayeri y'inzoka yabaye iyihe?
8. Sobanura iriya nteruro isoza umwandiko.
   — Kunywana n'ukubeshya ni ukwikoraho: ni nko kwahura abana bawe impyisi kuko itakwihangana, yahita ibarya.
9. Mukurikije uyu mwandiko, mwacira uruyongoyongo uwuhe mugani?

33.6. **Imyitozo**

33.6.1. **Uzurisha izi nteruro amagambo wungukiye mu mwandiko.**

1. Harya bariya bagabo bombi ... nibahemukirana ntibazakira ...
2. Twarajyanye ariko njyana ... kuko ntari nzi iyo yanjyanaga.
3. Amashuri atwigisha byinshi birimo no ...
4. Nta bwo nijyana gucyura inka, dore ...
5. Uriya muntu nubwo asa n'uwikosoye ... ...!
6. Nta mashyamba menshi y'...akiba ino.
7. Ndacyagushimira ko ... nashobewe.
8. ...umbwirire so aze anyitabe bidatinze.
9. Ko ugarutse ... ntitwagira ngo uzagaruka ejobundi?
10. Hinga ngire ... mbone uko nikorera ibindi.
11. Erega inkuru yabaye ..., Rwabahizi yaguze imodoka!
12. Namutegereje ndarambirwa, ariko ... ... arashyira araza.
13. Ishyamba barihaye ... kandi bibujijwe n'amategeko.
14. Iriya ndege ... igiye kugwa ku kibuga cyacu.
15. Mwarimu yanyumvishije ... ku ipikipiki ye.

**Ibisubizo**

1. Baranywanye, igihango.
2. Akangononwa
3. Gushishoza
4. Hacuze umwijima
5. Sindamushira amakenga
6. Ingati
7. Wanteturuye
8. Huta
9. Igitaraganya
10. Bwangu
11. Impamo
12. Kera kabaye
13. Inkongi
14. Yarara
15. Ikinyenga

33.6.3. **Shaka ibinyazina mu gika gisoza umwandiko unavuge ibyo ari byo.**

33.6.4. **Shaka muri uyu mwandiko amazina ahuje inteko.**



# 34. IBARUWA

34.1. **Ukugena intego**

34.2. **Ivumburamatsiko**

Mw.: Urashaka kugeza ubutumwa ku muntu kandi ntushoboye kumwigerereraho, wabigenza ute?
Sh.: Namutumaho undi muntu.
Mw.: Uwo muntu we atabonetse?
Sh.: Wamwandikira.
Mw: Iki?
Sh.: Ibaruwa (cyangwa urwandiko).
Mw.: Usibye se uko kugoboka umuntu nta bindi byiza by'ibaruwa wavuga?
Sh.: Irahenduka, ikomeza umubano w'incuti zitegeranye, ntiyibagirwa, ntisaza iyo ibitse neza.

34.3. **Ingingo z'umwandiko**

1. Vuga mu nteruro imwe ibiri mu gika cya mbere.
   — Sinshobora kuza kwiga kuko navunitse ukuguru.

Mw.: igika cya mbere cy'ibaruwa gisobanura rero impamvu yayo; icyateye nyirayo kuyandika.

2. Igika cya kabiri kirongera iki ku cya mbere?
   — Kirasobanura imivunikire ye: uko yavunitse, aho yavunitse n'uwamuvunnye.

4. Igika cya gatatu kirimo ngingo ki?
   — «Imvune yanjye ntigikomeye: igiye gukira»

5. Toranya muri izi nteruro ihuje n'umwandiko byuzuye.
   a) Hitimana ni indashima.
   b) Kambanda afasha Hitimana.
   c) Hitimana ntafasha Kambanda.
   d) Hitimana arashimira Kambanda ko amufasha kumva ibyo bize.

6. Igika cya nyuma twacyita iki? Kirimo iki?
   — Ni umwanzuro: Hitimana arasezera kuri Mwarimu akanatashya bagenzi be.

7. Buri gika kirimo ingingo zingahe?
   — Ingingo igiye yiharira igika.
8. Ni ibiki bigaragaza ikinyabupfura muri iyi baruwa?
   — Arasobanurira Mwarimu impamvu atakiga.
   — Aramwita umubyeyi.
   — «Munsuhurize, musigare, umunyeshuri wanyu ...»
9. Mbe Hitimana yarondogoye?

34.4. **Ibyitonderwa by'ibaruwa**

1. Kuki tugomba kwitondera amabaruwa twandika?
   — Abazisoma barazisesengura kandi ntituba tuhibereye ngo dusobanure neza ibyo twanditse.
   — Amabaruwa atuma bagira ibyo badutekerezaho.
2. Wakwirinda ute kuvangavanga ingingo no kurondogora?
   — Kubanza kwiyumvamo icyo ugiye kwandika.
   — Kugishakira imvugo ikwiye kandi yumvikana mu magambo aciriritse.
   — Kudasubira mu byo warangije kuvuga.
3. Wakwandikira agacuti kawe nk'umunyacyubahiro?
   — Ibaruwa wandikira umunyacyubahiro ugomba kuyitondera: ugakurikiranya ingingo neza, ukayandikana isuku, ntuteshuke ku kinyabupfura kandi nturondogore. Naho iy'agacuti uyandika mu mvugo ya gicuti nyine.
4. Ibaruwa ishyirwa mu ki?
5. Iyo igomba guca mu iposita bashyira iki ku ibahasha?
6. Ibahasha bayandikaho iki? Ahagana hehe?
   — Mwarimu abereke uruhande bandikaho aderesi y'uwandikiwe n'aho bayandika, kimwe n'aho uwanditse ashyira aderesi ye.

34.5. **Intego y'ibaruwa**

1. Noneho mwitegereze neza iyi baruwa (Mwarimu abahe umwanya uhagije). Aderesi y'uwandika iri ahagana he?
   — Iri mu nguni y'ibumoso ya ruguru.
2. Itariki yo?
   — Ihereye imutwe h'urupapuro hashyira inguni y'iburyo, ikarangirira muri iyo nguni hejuru.



3. Itariki iteye ite?
   — Nyuma y'izina ry'aho ibaruwa yandikiwe hari akitso gakurikiwe no ku wa + izina ry'ukwezi, rigatangirwa n'inyuguti nkuru, hagaharura umwaka.
4. Amagambo atangira ibaruwa agenewe iki?
   — Ni ukwakura mu kinyabupfura uwo wandikira, hanyuma ugashyiraho akitso.
5. Intangiriro za buri gika zimeze zite uzigereranyije?
   — Zirainganiye kandi zitaruye gato interuro zizigize nanone urebye uburinganire.

34.6. **Gushushanya ibaruwa**

Aderesi y'uwandika — Umusozi, itariki

Uwandikirwa

(Impamvu y'ibaruwa) — **Aho atuye**

Uwandikirwa,

Ingingo 1

..............................................................
..............................................................
..............................................................

Ingingo 2

..............................................................
..............................................................
..............................................................

Ingingo 3

..............................................................
..............................................................
..............................................................

Ingingo 4

..............................................................
..............................................................
..............................................................

Gusezera

..............................................................
..............................................................
..............................................................

Umukono

— Ibaruwa za gicuti ntizikunda kubamo biriya bice.
— Ingingo kandi zishobora kurenga 4 cyangwa kutageraho.

**34.7. Ibahasha**




**34.8. Imyitozo**

— Gushushanya amabahasha ku mbaho, bakandikaho ibya ngombwa byose.
— Kwandikira incuti uyibwira ko uzaza kuyisura mu kiruhuko.
— Kwandikira Mwarimu umutekerereza uko ibiruhuko byagenze.
— Gutumira ishuri ryo mu kandi kagari ngo rizaze mukine.
— Kwandikira Sogokuru na Nyogokuru ubamenyesha amakuru y'imuhira.

Mwarimu abanze gukorana n'abanyeshuri imbata y'ayo mabaruwa, banashakire hamwe ingingo, babone kurema amatsinda, bandike ayo mabaruwa, hasoze ikosora; maze atunganye kurusha ayandi yandikwe mu makaye.
Agende abibutsa ibyitonderwa mu iyandika uko byagiye bigaragara kuva kuri 34.3., abereka nk'uko bazinga urupapuro, uko barushyira mu ibahasha, abibutsa kutibagirwa umukono; ariko nta gusiribanga gusa, kuko umukono ugomba kubamo izina rya nyirawo.



# 35. NYARUBWANA

**35.1. Ukugena intego**

**35.2. Gusoma bucece**

**35.3. Inyunguramagambo**

Gukeza:
*kujya gushaka ubuhake ubwa mbere ku mutware.*
Kugabana:
*guhabwa inka cyangwa se ikindi kintu cy'ingirakamaro.*
Gufata igihe:
*kera mu buhake, byari ukumara iminsi kwa shobuja umukorera.*
Kumena ibanga.:
*kuvuga ikintu wagombaga guhishira.*
Ntiyashirwa:
*ntiyanyurwa, ntiyarekera aho.*
Kuzimanira umushyitsi:
*kumwakiriza amafunguro n'ibindi bimunyuze.*
Guhodoka:
*kunanuka cyane kubera inzara, kwicwa n'inzara.*
Guhumana:
*kwandura indwara.*
Umuceri:
*(soma nka amashyamba) umuheha wabugenewe, akenshi banywesha amacunda.*

**35.4. Gusomesha umwe umwe cyangwa itsinda rito**

**35.5. Ingingo z'umwandiko.**

1. Umuntu yajyaga guhakwa kubera iki?
2. Umugore yatangajwe n'iki aho Nyarubwana na shebuja batahukiye? Kubera iki?
3. Umugore yahukaniye iki?
4. Nyarubwana yareze iki nyirabuja?
5. Hitamo interuro ikwiye yahuza n'ingingo Nyarubwana yahaye nyirabuja.
   a) Mwembi mwarahemutse, cyo taha.
   b) Wahemutse kurusha databuja, cyo taha.
   c) Jye nawe twarahemutse, cyo taha.

6. Nyarubwana yagobotse shebuja kabiri. Byerekane. Bigaragaza iki?
7. Kuki umugore yatashye ataruhanyije?
8. Ni ibiki byerekana ko uyu mwandiko ari umugani?
9. Nyarubwana yavumiwe iki kutazongera kuvuga?
10. Uzuza iyi migani wongereho uwo bawucira muri uyu mwandiko.

«Urwanze gushira ... (ruhemuza, ruhinyuza intwari)
«Uguhiga ubutwari ... (muratabarana)

35.6. **Imyitozo**

35.6.1 **Guhina uyu mwandiko mu mirongo 10 y'ikaye.**

35.6.2. Kubwirana izindi nkuru zirimo uko imbwa yakijije shebuja cyangwa uko inyamaswa yindi yaba yaragobotse umuntu.

35.6.3. **Shaka ibinyazina biri muri uyu mwandiko.**



# 36. IGISHYIMBO

36.1. **Ukugena intego**

36.2. **Gusoma bucece**

36.3. **Inyunguramagambo**

Umk. 1.: Icyamamare:
*kizwi cyane, ikirangirire.*
Umk. 2.: Icyatwa:
*uzwi cyane kubera ibikorwa bye bitangaje.*
Umk. 10: Amasuhuko:
*aho bimukira bahunga inzara.*
Umk. 11: Bageze ikaga:
*bamerewe nabi cyane, bacikirijwe.*
Umk. 12: Iganje:
*itegeka, itavuguruzwa, itsinze, iruse izindi.*
Umk. 15: Ingabo y'isuri:
*ingabo nini iboshye.*

Umk. 18: Ingarama:
*ibishyimbo bimaze kumera, utubabi dutoha twambere.*
Umk. 19: Kuziba icyuho:
*kwegerana*
Umk. 20: Icyoko:
*aho imvura ikubira mbere yo kugwa ahantu.*
Icyoko cyizihiye rubanda:
*gishimishije abantu, imvura igwa neza kandi ihagije.*
Umk. 22: By'agasukiranyo:
*bizira rimwe ari byinshi.*
Umk. 25: Imitima ikururuka:
*igatuza.*

Umk. 26: Mu iturira:
*igihe ibishyimbo ari uruhisho.* (soma nk'ikigori)
Umk. 30: Bagasusuruka:
*bakishima.*

Umk. 32: Kwirya icyara:
*kwishima, kwigamba ariko unagerageza kubihishahisha.*

Umk. 33: Icyago:
*ikintu kibi, kigira nabi;, bishobora no kuvuga intwari, akagabo.*

Umk. 37: Ihunitse:
*yuzuye imyaka.*

**36.4. Ingingo z'umwandiko**

1. Uyu mwandiko ni bwoko ki?
   - *Ni igisingizo cy'ibishimbo*

2. Erekana ibice by'ingenzi byawo n'ingingo zibivugwamo.

Umk. 1. — 4: Impamvu igishyimbo gikomeye cyane i Rwanda kirinda inzara kigatera ibyishimo

Umk. 5. — 11: Igishyimbo ni nk'ingabo y'intwari:
*ntita intwaro zayo, ihora irwana ku bayo, ari ko igenda irushaho, igashakira amakiriro abamerewe nabi.*

Umk. 12 — 30: Igisobanuro cy'ingabo n'ibishyimbo *ni uko kirwanya inzara kuva cyamera kugeza gisaruwe: kimera vuba, bagashogora, basoroma uduteja bakavanga n'agashogoro, ntibitinde kigahisha. ngibyo ibitonore ngiryo isarura; bikaba ari ubuhoro.*

Umk. 31. — 37: Ibyishimo by'abahinzi mu ihura n'ihunika:
*barabyina, bakigamba ku nzara, bati* «nta ho izaduturuka turakize.»

3. Vuga ububi bw'inzara uyu mwandiko werekana:
   - — Itera akaga (umk. 11).
   - — Ibuza amahoro (umk. 25).
   - — Ni icyago (umk. 33).

4. Shaka mu mwandiko amagambo ashimagiza igishyimbo.

| | |
|---|---|
| — Icyamamare | — Ingabo iganje |
| — Icyatwa | — Ingarama nziza. |



5. Vuga intera z'ibishyimbo kuva mu imera ryabyo kugera mu isarura.
   - — Ibishyimbo biba umugondoro
   - — Ibishyimbo biba ingarama
   - — Ibishyimbo biba ikimirabasoromyi
   - — Ibishyimbo biba urugoyi
   - — Ibishyimbo biba ururabo
   - — Ibishyimbo biba imiteja
   - — Ibishyimbo biba uruhisho.

6. Hari imirimo ikorerwa ibishyimbo. Vuga iy'ingenzi.
   - — Ibiba, ibagara, isarura, iyanika, ihura, ihunika.

7. Igishyimbo ni gihingwa ki?
   - — Ni igihingwa ngandurarugo cy'ikinyamisogwe.

8. Shaka insubirajambo mu gice cya mbere cy'uyu mwandiko. Zifite kamaro ki?
   - — Ngwino (2), wowe (2). Ni inshoza (soma nka intashya): isa n'ihamagara igishyimbo ariko itakivuze izina, kugira ngo cyigire hafi bagisingize.

9. Vuga imikarago idashyigikiye isesagura?

10. Umukarago 36 wongera iki ku kamaro k'ibishyimbo kavuzwe mu mwandiko?
    - — Ushobora kubifataho ukagurisha, maze ukagura ibindi waba ukeneye.

11. Imvura n'izuba bikabije byangiza bite ibishyimbo?
    - — Izuba rikabije rirabyumisha, imvura itava hasi ikabiboza iyo byari imiteja.

**36.6. Umwitozo**

Gufasha abanyeshuri guhimba igisingizo cy'ibirayi.

# 37. IZUBA

37.1. **Ugusobanura intego**

37.1. **Gusoma bucece**

37.2. **Inyunguramagambo**

**Ibyate by'ukwezi:**

— mu mboneko zako kubanza kuba guto cyane, kugaragara agace, bakakwita umutaho. Ubwo hataho imyezi cyangwa akerera, byarangira noneho ukwezi kukaba inzora kukagaragara kose, ari kunini. Icyo gihe bamwe bakwita rutuku cyangwa rukangabana.

— Hanyuma y'ibyo kongera kugaragara agace, bakakwita indenzo cyangwa indembezo, kugakurikirwa n'imyijima. (reba SCHUMACHER, **Dictionnaire Phonétique**, Kabgayi, 1954, urup. 90.)

Ahirengeye:
*hagaragara, kenshi hasumba ahandi.*
Kwicuma:
*kwigira imbere cyangwa hirya gato gato.*
Amanywa y'ihangu:
*izuba rikaze cyane, mu ma saa sita.*
Kwitarura (vuga nka kwitegura):
*kujya kure ya ...*

37.4. **Ingingo z'umwandiko**

1. Vuga ibyerekezo bine bivugwa muri uyu mwandiko n'uko biboneka.
2. Intego y'izuba iteye ite?
3. Mbese izuba riragenda?
4. Kuki tubona izuba ari rito?
5. Ni iki gitera umunsi n'ijoro?
6. Izuba rifite kamaro ki?
7. Isi irutana ite n'izuba?
8. Kiberinka n'izuba ry'ikirengarenga biratanye?

37.5. **Umwitozo**

Shaka ntera muri uyu mwandiko unavuge inteko zirimo.



# 38. INDYOHESHABIRAYI

38.1. **Iriburiro**

Indyoheshabirayi ni agatabo gasetsa kanditswe na Musenyeri Alegisi KAGAME mu wa 1949. Gafite imivugo 8 yajya mu byiciro bitatu:

— Umwandikoshusho w'ingurube
— Urugendo rwayo kuva mu Nyakibanda kugera i Kigali
— Uko yakiriwe igeze mu murwa mukuru.

Icyo gisingizo kirekire cy'ingurube gifite imikarago ijya kureshya nk'iyo mu mazina y'inka, ariko umwanditsi yashyizemo ingingo zisetsa zishingiye ku nenge zimwe z'abatware bo mu Rwanda rwo hambere, uboshye ibyivugo by'ubuse.

**Dore imbata y'Indyoheshabirayi:**

Umuvugo I: Ingurube iyobokwa n'abashumba bo mu Ngeyo.

Umuvugo II: Ingurube ikangaranya abashumba bo mu Muhozi.

Umuvugo III: Majoro ayaka abasirimu; na bo bayirega abanyamishanana, hanyuma Ilidefonsi MUTEMBE ayiranga kwa Bitugangando, mu Nyakibanda.

Umuvugo IV: Urugendo rw'iyo ngurube kuva i Butare kugera i Nyanza: ibambira umuhanda, imodoka zibura inzira.

Umuvugo V: Urugendo rw'iyo ngurube kuva i Nyanza kugera i Kabgayi: bakeka ko ari imvura; uwahoze mu Buganda yemeza ko ari itanki irwanishwa mu ntambara.

Umuvugo wa VI: Urugendo rw'iyo ngurube kuva i Kabgayi kugera i Kigali; itesha abatware imirimo, bagenda bayihatsweho.

Umuvugo wa VII: Igera i Kigali mu birori irabitegurirwa; umwami n'abatware bayikikiriza ku meza hamwe na

Bwana Rezida. Hari ku isabukuru y'Ababirigi, ku wa 21 Nyakanga.

Umuvugo wa VIII: Ibisingizo by'iyo ngurube isuzuguza ibiribwa bindi.

38.2. **Gusobanura intego**

38.3. **Ivumburamatsiko**(ikiganiro gituma abanyeshuri bavuga ibyo bazi ku ngurube)

38.4. **Gusoma bucece no gutahura amagambo akomeye.**

38.5. **Inyunguramagambo**

Umk. 2: Ifite icyo yungura ibindi bitekwa.
Umk. 3: Uyisanga cyane cyane mu Bapadiri. Misiyoni ubu ni yo yahindutse Paruwasi. Ubwo rero uyu muvugo Kagame yawuhimbye ingurube ziganje mu gipadiri.
Indatwa:
*umuntu cyangwa ikintu bashima cyane ubwiza.*
Umk. 5: Isange abandi badutegeka, ibabarirwemo, ibakwiremo.
Umk. 6: Rubanda:
*abaturage, abategekwa.*
Mu mvugo isanzwe rubanda binavuga uwo mudafitanye isano.
Umk. 7 — 6: Abe ari yo itekwa, aho guteka intama n'isake.
Umk. 9: Kunesha:
*gutsinda, kwirukana, guhashya.*
Umk. 10: Abe ari yo babagira ahihereye, ihene bazihorere.
Umk. 11: Yikubire aho hantu hose.
icyigenge:
*kitagira gitegeka, gikora ibyo gishatse.*
Umk. 14: Ikingira ububihe, ntibugere aho inyama zayo ziri.
Umk. 16: Imaraho ububihe.
Umk. 17: Iha akazi abatetsi, ikabaha ibyo bakoresha byose, maze ntibagire ibyo bakenera. No kubahaza irabahaza!
Umk. 19: Ntigomba undi munyu kuko iyifitemo myinshi cyane.
Umk. 22: Yigaruriye ibikari byose.
Umk. 24: Nta wuhakana ubutegetsi bwayo cyangwa ko iruta ibindi. Nk'uko umwami yari nyir'ubutaka, ntakeberwe, ni na ko ingurube yihariye ibikari.



Umk. 25: Guhonjoka:
*kubyibuha by'umunyacyubahiro.*
Umk. 27: Impogazi:
*inka ibyibushye, akenshi inakuze.*
*Banavuga ko ihozagaye.*
Umk. 28: Umubiri wayo uratigita kubera umubyibuho.
Rubunga:
*ntiva aho iri kubera umubyibuho.*
Umk. 29: Itobatoba ibyondo; igira umwanda.
Umk. 30: Ntikwirwa mu gisorori kuko igira inyama nyinshi.
Umk. 31: Ni nini cyane kandi irakomeye.
Umk. 32: Rumiragurabijumba
Umk. 33: Ingurube iha amavuta abagore batazi ibyo gutereka amata no kuyacunda, bityo bakabona ayo batekesha.
Umk. 34: Yongerera amavuta menshi abacunze.
Umk. 35: Itera ibyishimo abagiye kuyirya.
Umk. 36: Isohoye:
*igeze.*
Nta bwo yica amasaha kuko ishya vuba.
Umk. 37: Kuvugisha impuha:
*gutuma abantu bavuga ibinyoma, ibidafite shinge na rugero.*
Umk. 38: Gutetereza:
*kubuza undi kugera ku cyo yashakaga, kubangamira, gusubiza inyuma, gusibya ...*
Umk. 40: Imisango:
*amagambo avugirwa mu minsi mikuru. Hano ni nk'aho ingurube yaba yasimbuye inzoga kuko ubundi ari yo ivugirwaho ijambo.*
Umk. 42: icyunzwe:
*ubushyuhe bukabije bw'umwuka, icyokere.*
Umk. 44: Kwinopfora:
*kurya ukamaraho, ariko ntuhage.*
ukaguka:
*ukaba munini, mugari.*
Umk. 45: Umudigi:
*inda nini, ibyibushye.*
Uwihase ingurube inda ye ifora nk'iya nyamaturi.
Umk. 47: Ishyanga:
*mu mahanga*
Umk. 48: Izina, icyivugo, igisingizo.

38.5. **Gusoma bya Mwarimu** (yumvisha injyana, yungikanya nk'uwivuga umuvugo cyangwa utera izina ry'inka kandi ahuza ijwi n'ibitekerezo)

38.6. **Ingingo z'umwandiko**

38.7.1. Erekana muri izi nteruro izihuje n'umwandiko (ukoreshe akamenyetso +) n'izinyuranyije na wo (ukoreshe akamenyetso —):

1. Ingurube yari isanzwe izwi mu Rwanda.
2. Isatura isa neza n'ingurube.
3. Indyoheshabirayi si itungo ryo mu rugo.
4. Abazungu basangiraga rimwe na rimwe n'Abanyarwanda.
5. Ingurube ifite ikintu itanga andi matungo atagira.
6. Uriye ingurube arabyibuha cyane.
7. Mu matungo abagwa, ingurube ni yo ngenzi.

38.7.2. **Shaka mu muvugo imikarago yerekana ko:**

1. Ingurube itabonekaga mu Rwanda hose.
2. Aho igeze ihatwara.
3. Irya byinshi.
4. Babanje kuyinena.
5. Iryoshya ibiribwa.
6. Uwariye ingurube abyibuha nabi.
7. Ikesha ibirori.

38.8. Gufasha abanyeshuri guhimba mu mirongo 15 igisingizo kigufi cy'itungo cyangwa cy'ikindi kintu bakunda cyane (gushaka ingingo, amagambo akwiye, injyana ...).

38.9. Guhimba umwandiko mugufi uvuga impamvu ingurube ikwiye kororwa no kwitabwaho.

38.10. **Gufata mu mutwe umuvugo no kuwutera binoze.**



## 39. IJAMBO RYA PEREZIDA

39.1. **Ugusobanura intego**

39.2. **Ivumburamatsiko**

Mw: Nimumbwire ibinyamakuru muzi byandikwa mu kinyarwanda.
Sh: Imvaho, Kinyamateka, Umunyamuryango, Rafiki ...
Mw: Hari n'akanyamakuru k'urubyiruko bamwe muri mwe bagura bakagasoma. Ni nde uzi izina ryako?
Sh: Ni Hobe.
Mw: Hobe se ibamo iki?
Sh: Ibamo imyandiko yigisha, udukuru dusetsa n'ingingo nziza zishyigikira uburezi ...

Mw: Iyo Hobe se yashinzwe ryari?
Sh: Mu wa 1955.
Sh: Ni ibiki mukunda muri Hobe kurusha ibindi?

39.3. **Gusoma bucece**

39.4. **Inyunguramagambo**

Cy'umwihariko:
*utunze wenyine, kikugenewe wenyine, wihariye.*
Icuraburindi:
*ijoro ijisho ritamena kubera umwijima mwinshi.*
Kuzitira:
*kwimira, kubuza guhita, kudindiza.*
Amatwara:
*imigambi, ibigamijwe.*
Irugenga:
*iruyobora.*

39.5. **Gusomesha abanyeshuri**

39.6. **Ingingo z'umwandiko**

1. Vuga mu magambo make akamaro ka Hobe.
2. Kuki mu bihugu bimwe abenshi mu bana batamenya ururimi rwabo?

3. Hobe imenyekesha u Rwanda ite?
4. Hobe ishyigikira ite uburezi?
5. Igihe cy'isabukuru, Hobe yari ifite abasomyi bangana iki?
6. Ni iyihe nteruro yifuriza Hobe gukundwa no gukwira mu gihugu cyose?
7. Uyu mugani ngo «akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze» ushaka kuvuga iki?
8. Kumenya gusoma no kwandika bifite kamaro ki?
9. Kuki bavuga ko urubyiruko ari «u Rwanda rw'ejo»?

39.7. **Iyandikisha** (igika cya 3 n'icya 4)

39.8. **Imyitozo**

39.8.1. **Vangura aya magambo maze uyabyaze interuro zikurikiranye kandi zikwiye, unazishyiremo utwatuzo.**

rwose urubyiruko ibereye Hobe ikarwigisha byacu ikaruvungurira ururimi ku n'umuco isi bumaze buhanga irarujijura ikarumenyesha kugerwaho ayobora n'amwe igihugu mu mategeko n'uburezi kandi ubumwe ishyigikira nimuyisome amajyambere muri mushishikarire benshi rero maze.

**Igisubizo**

Hobe ibereye rwose urubyiruko: irarujijura, ikarwigisha ururimi n'umuco byacu, ikaruvungurira ku buhanga bumaze kugerwaho ku isi, ikarumenyesha n'amwe mu mategeko ayobora igihugu. Ishyigikira kandi ubumwe n'uburezi. Nimuyisome rero muri benshi, maze mushishikarire amajyambere.

39.8.2. Abanyeshuri bandikire bagenzi babo bo mu kandi karere, babagira inama yo kugura Hobe. (Gutegurana ingingo, kuzitondeka no kwemeza imvugo yazo.
Ibaruwa itunganye yandikwe mu makaye.)



# 40. TUGIYE KURUHUKA

40.1. **Ukugena intego**

40.2. **Ivumburamatsiko**

Mw: Buri gihembwe cy'amashuri gisozwa n'iki?
Sh: Gisozwa n'ibizamini.
Mw: Ibizamini bigakurikirwa n'iki iyo bamaze kuvuga amanota?
Sh: N'ibiruhuko.
Mw: Mu biruhuko biherutse wakoze iki?
Sh: (Abanyeshuri batanga ibisubizo byinshi.)
Mw: Harya kwiga mu kiruhuko ni byiza?
Sh: Kwiyibutsa ibyo wize no kwitegura ibyo ugiye kwiga ni byiza, ariko ntiwimene umutwe.
Mw: Nimumbwire uko aba banyeshuri barutanye muhereye ku watunganyije kurusha abandi mugeze ku ugayitse cyane.

a. Mu biruhuko Sayinzoga yarazerereye gusa.
b. Mu biruhuko Nkusi yateye umupira bikabije.
c. Mu biruhuko Akayezu yafashije ababyeyi imirimo.
d. Mu biruhuko Uwimana yarize gusa.
e. Mu biruhuko Ntamwete yirirwaga aryamye.

40.3. Umunyeshuri uzi gusoma neza asomere abandi bamuteze amatwi banandika amagambo batumva.

40.4. **Inyunguramagambo.**

Ubuyanja:
*amafu, agatege, akabaraga.*
Kubwira inka: (ni ikigereranyo)
*bivuga kubwira intumva, guta inyuma ya Huye.*
Kwicumba:
*Kugenda wishingikiriza, ucumbagirira ku ...*
Impeshyi:
*icyi, igihe cy'ubushyuhe, mu mezi ya Kamena - Nyakanga - Kanama.*

40.5. **Gusomesha abanyeshuri baranguruye.**

40.6. **Ingingo z'umwandiko**

1. Uyu munyeshuri aravugana na nde?
2. Yiga mu Mashuri Abanza kuki?
3. Mu kiruhuko umunyeshuri w'umunyamutima akora iki?
5. «Nta ngendo zo mu biruhuko.» Iyi ngingo murayivugaho iki?

40.7. **Amategeko y'igenamajwi mu izina na ntera.** (Reba **Ibiro by'Integanyanyigisho by'Amashuri Yisumbuye, Ikibonezamvugo I, Iyigantego n'Igenamajwi,** urupapuro 37 — 47.)

40.7.1. **Inshoza yayo**

Uturemajambo tw'izina n'utwa ntera tumwe na tumwe duhindura ishusho, bitewe n'utundi turemajambo bihuriye mu ijambo.

| | | |
|---|---|---|
| Urugero: | (1) u — mu — anda | u — mw — anda |
| | (2) u — mu — biri | u — mu — biri |
| | (3) i — mi — ambi | i — my — ambi |
| | (4) u — mu — sozi | u — mu — sozi |

Muri aya magambo, indanganteko **mu** yahindutse aho yari ihereranye n'inyajwi **a** y'igicumbi. Nyamara aho ihereranye na b, s, ntiyahindutse.

Amategeko y'igenamajwi agaragaza uko amajwi ahinduka, aburizwamo cyangwa yiyunga, bitewe n'andi majwi bihereranye, uko amajwi agize intego y'ijambo iri n'iri ahinduka iyo iryo jambo ryinjiye mu mvugo.

Urugero (1):

| **Intego** | **Itegeko** | **Imvugo** |
|---|---|---|
| u — mu — anda | u ihinduka w imbere y'inyajwi | = umwanda. |

40.7.2. **Ibimenyetso n'impine byo mu igenamajwi**

—: gikoreshwa inyuma y'ijwi ryahindutse.
/ : gikurikira ijwi rishya imvugo ikoresha, kigaragaza igihe ururimi rukoresha itegeko. Iyo usoma, wagisimbuza «iyo».



Urugero: u——w/
Basoma: u ihinduka w iyo ...

—: kigaragaza umwanya ijwi iri n'iri riba ririmo kugira ngo rihinduke.

Urugero: u——w/ — J
Basoma: u ihinduka w iyo iri imbere y'inyajwi.

Mu iyigantego kariya kamenyetso gatandukanya uturemajambo.

ɸ cyangwa O:
kenshi kijyana na——, byombi bigasobanura iburizwamo.

Urugero: a——ɸ / — O
Basoma: a iburizwamo iyo iri mbere ya o.

J: inyajwi
G: ingombajwi
R: indagi
GR: ingombajwi y'indagi
GK: ingombajwi y'inkatuzi
Z: inyamazuru

40.7.3. **Amategeko** (aho bishoboka turatanga ingero ziri muri uyu mwandiko)

| | | |
|---|---|---|
| 1. u—w / — J | u — mu — anya | umwanya |
| 2. i—y / — J | i — mi — uga | imyuga |
| 3. a—ɸ / — J | a — ka — enge | akenge |
| 4. a + i = e | ma — inshi | menshi |
| | (mu bicumbi — inyo, | / — ibo / — iza /— inshi.) |
| 5. r—d / n — | n — re (nre) | nde (nde) |
| 6. t J—dJ / — GR | u — tu — shirira | u — du — shirira |
| 7. kg—gJ/ — GR | a — ka — taro | agataro |
| 8. t—ɸ / n — s | i — n —tsina | insina |
| 9. n—m / — p | i — n — pyisi | impyisi |
| 10. n—m / — f | i — n — funguzo | imfunguzo |
| 11. p—ɸ / m — f | i — n — pfizi | imfizi (reba n'itegeko rya 9) |
| 12. n—m / — b | i — n — buto | imbuto |
| 13. n—m / — v | i — n —vura | imvura |
| 14. n—m / h (mu igenamajwi) | i — n — heshyi | imheshyi (mu nyandiko: impeshyi) |

| | | |
|---|---|---|
| 15. n—ϕ / — m | i — n — manga | imanga |
| 16. n—ϕ / — n | i — n — numa | inuma |
| 17. n—ϕ / — ny | i — n — nyana | inyana |

- Amategeko y'igenamajwi si yo iteka imyandikire ikurikiza. Dore ingero.

| amagambo | intego | itegeko | imvugo | imyandikire |
|---|---|---|---|---|
| icyambu | iki — ambu | i—y / — J | /ikyambu/ | icyambu |
| impuzu | i — n — huzu | n—m / — h | /imhuzu/ | impuzu |
| gushya | ku — hia | kJ—gJ /— GR | /gushya/ | gushya |
| | | kJ gJ | | |

40.7.4. **Imyitozo**

— Gushaka ingero zindi zigaragaza ariya mategeko y'igenamajwi mu izina no muri ntera.

— Gushaka muri aya magambo amajwi yahindutse unagaragaza amategeko yakurikijwe.

| | | |
|---|---|---|
| umwotsi | imboga | imungu |
| imyate | igishyimbo | indabo |
| iryinyo | | umwungu |
| utweso | imvubu | ibyuma |
| igipimo | | insinga |
| inema | kenshi | |
| indengo | ugutwi | |
| iryoya | imfura | |
| impapuro | induru | |
| indoro | inyundo | |
| impinja | imfubyi | |
| inyoni | impongo | |

40.7.5. **Intego n'imvugo by'amazina amwe n'amwe**

**Hari amazina usanga atagaragaza neza uturemajambo (cyane cyane igicumbi) kandi n'amategeko y'igenamajwi yaba yatumye utwo turemajambo duhinduka mu mvugo ntahite agaragara.**



40.7.5.1. **u—w /— J**

| **Ingero: Ijambo** | **Intego** | **Itegeko ry'igenamajwi** |
|---|---|---|
| umunyu | u — mu — ? nyu | ? |
| utwunyu | u — tu — unyu | u—w / — J |
| imyunyu | i — mi — unyu | i—y / — J |

(Abantu bake cyane ni bo bavuga umwunyu.)

| | | |
|---|---|---|
| urugi | u — ru — ?gi | ? |
| utwugi | u — tu — ugi | u—w / — J |
| akugi | a — ka — ugi | a—ϕ / — J |

(Nibavuga ngo «urwugi».)

| | | |
|---|---|---|
| ubuki | u — bu — ? ki | ? |
| utwuki | u — tu — uki | u—/ — J |
| amuki | a — ma — uki | a—ϕ / — J |

(Ntibavuga ngo «ubwuki.)

| | | |
|---|---|---|
| uruho | u — ru — ? ho | ? |
| utwuho | u — tu — uho | u—w / — J |
| ubwuho | u — bu — uho | u—w / — J |

(Ntibavuga «urwuho.»)

| | | |
|---|---|---|
| ubugi | u — bu — ? gi | ? |
| Utwugi | u — tu — ugi | u—w / — J |
| amugi | a — ma — ugi | a—ϕ / — J |

(Ntibavuga «ubwugi».)

40.7.5.2. **y—z / n —**

Tugoragoze:

| | |
|---|---|
| uruyuki | u — ru — yuki |
| akayuki | a — ka — yuki |
| inzuki | i — n — yuki |
| uruyuzi | u — ru — yuzi |
| akayuzi | a — ka — yuzi |
| inzuzi | i — n — yuzi |

| | |
|---|---|
| akayoga | a — ka — yoga |
| uruyoga | u — ru — yoga |
| inzoga | i — n — yoga |
| akayoka | a — ka — yoka |
| uruyoka | u — ru — yoka |
| inzoka | i — n — yoka |

Uhereye kuri izo ngero zonyine, wabona iri tegeko ry'igenamajwi: **y—z / n —** ; ariko zino zirazivuguruza:

| | |
|---|---|
| uruyonga | u — ru — yonga |
| inyonga | i — n — yonga |
| uruyumba | u — ru — yumba |
| inyumba | i — n — yumba |

Tugereranyije ingero «y» ihindukamo «z» n'izo idahinduka, usanga «y» ihinduka iba iri mu **mugemo mugufi.**

— yoga — yoka — yuzi — yuki

Naho «y» idahinduka ikaba mu migemo itinda:

— yundo — yonga — yumba.

Si «y» rero ibonetse yose ihinduka z.

40.7.5.3. **Ibicumbi bifata «z» mu nt. 10**

| | |
|---|---|
| uruzi | u — ru — uzi |
| icyuzi | i — ki — uzi |
| inzuzi | i — n — uzi |
| urugi | u — ru — ugi |
| icyugi | i — ki — ugi |
| inzugi | i — n — ugi |
| urwango | u — ru — ango |
| utwango | u — tu — ango |
| inzango | i — n — ango |
| urwabya | u — ru — abya |
| inzabya | i — n — abya |



| | |
|---|---|
| urwandiko | u — ru — andiko |
| icyandiko | i — ki — andiko |
| inzandiko | i — n — andiko |
| urwanwa | u — ru — anwa |
| ubwanwa | u — bu — anwa |
| inzanwa | i — n — anwa |
| urwara | u — ru — ara |
| amara | a — ma — ara |
| inzara | i — n — ara |

Ayo mazina afite igicumbi gitangirwa n'inyąjwi, agafata «z» mu nt. 10, ikajya hagati y'iyo nyajwi n'indaganteko «n».

40.7.5.4. **b—m ?**

| | |
|---|---|
| urubanza | u — ru — banza |
| utubanza | u — tu — banza |
| imanza | i — n — banza |
| urubambo | u — ru — bambo |
| utubambo | u — tu — bambo |
| imambo | i — n — bambo |

- Mu mazina amwe n'amwe, «b» itangira igicumbi ihinduka «m» mu nt. 10, iyo ibanjirijwe n'indanganteko «n».

40.7.6. **Imyitozo**

- Gushaka andi mazina akurikiza 40.7.5.2., 40.7.5.3., 40.7.5.4.
- Imyitozo y'isubiramo ku binyazina, ku ndangasano, ku itondagura, ku mategeko y'igenamajwi mu izina na ntera ...